Rwanda Athletics Federation

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE ISANZWE Y'ISHYIRAHAMWE RY'IMIKINO NGORORAMUBILI YO KUWA 31 UKWAKIRA 2020

I. **AHO INAMA YABEREYE**: Icyumba cy'inama cya minisiteri ya siporo

II. **IGIHE:** **10:00 – 13: 45**

III. **ABITABIRIYE INAMA**

| NO | AMAZINA | URWEGO | ICYO ASHINZWE | ADERESE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Me. MUBILIGI Fidèle | RAF | President | ruganintwalij@gmail.com |
| 2 | UMUTANGANA Olivier | RAF | SG | olipivot@yahoo.fr |
| 3 | TABARUKA Dieudonne | RAF | Treasurer | tabarukad@gmail.com |
| 4 | USENGA Sandrine | RAF | Advisor | 0783294088 |
| 5 | MUTUYEYEZU Jean Bosco | RAF | Advisor | 0788300327 |
| 6 | NDAYISABA Saidi Hamiss | RAF | Audit Commission | ndayisaba@gmail.com |
| 7 | UWAMALIYA Delphine | RAF | Audit Commission | uwadely@gmail.com |
| 8 | NKEZABO J. Damascene | NAS | President | 0783250003 |
| 9 | RUKUNDO Johnson | MOUNTAIN | President | rukujohn@yahoo.com |
| 10 | KAYITSINGA ALEXANDRE | APR | Club Manager | akayitsinga@gmail.com |
| 11 | MULINDA Islam | RAF | Conflict Resolution | murindai@yahoo.fr |
| 12 | KAYIRANGA Jean Baptist | RAF | Conflict resolution | kayibatiste@gmail.com |
| 13 | RUTAGENGWA Oswald | RAF | Legal Advisor | rutagengwao@gmail.com |
| 14 | Brother Camille Rudasingwa Karemera | Rwamagana AC | President | rudasingwacamille@gmail.com |
| 15 | BIZIMANA Manasseh | Nyaruguru Ac | President | bizimanase@gmail.com |
| 16 | NAYILI Malachie | Rutsiro A.C | Committee Member | mnayili@yahoo.fr |
| 17 | RURANGAYIRE Guy Didier | MINISPORTS | Dir. Sports | rurangayire@minisports.gov rw |
| 18 | INGABILE Alice | SEC | SG | 0788698760 |

Amahoro National Stadium
B.P. 2568 Kigali – Rwanda
E-mail: rwa@mf.worldathletics.org
Tel: (+250) 788304516 President

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 19 | NDAGIJIMANA Van Donatien | NYAMASHEKE AC | Committee Member | olgasolado@gmail.com |
| 20 | MPAWENIMANA Ismael | VJN | SG | mpawisma@yahoo.fr |
| 21 | KIMENYI Theodore | Huye A.C | President | Kimthwo70@yahoo.fr |
| 22 | Padiri GATETE Innocent | FRSS | President | Innocentgatete2005@yahoo fr |
| 23 | HIRWA Isaie | Kavumu A.C | President | Hirwaisaie5@gmail.com |
| 24 | NDACYAYISENGA Jean Pierre | RAF | Technical Director | Coach2020a@gmail.com |
| 25 | UMUBYEYI Clemence | RAF | Secretary | Umuclemence030@gmail.com |

## IV. INGINGO Z'INGENZI ZAGANIRIWEHO

1. IJAMBO RY'IKAZE
2. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE IHERUTSE NO KUYIKORERA UBUGORORANGINGO
3. KWEMEZA ABANYAMURYANGO BASHYA MU MURYANGO RAF
4. GAHUNDA Y'ITERAMBERE RY'IMIKINO NGORORAMUBILI 2021 – 2027
5. KUREBERA HAMWE ISUBUKURWA RY'AMARUSHANWA NYUMA YA COVID- 19 NDETSE NA GAHUNDA Y'AMARUSHANWA Y'IMIKINO NGORORAMUBILI 2020 – 2021
6. GAHUNDA Y'IBIKORWA YA RAF 2021- 2022
7. KWEMEZA IMPINDUKA ZABAYE MURI SITATI NDETSE NO MU MATEGEKO YIHARIYE YA RAF
8. GUSHYIRAHO AKANAMA GASHINZWE AMATORA
9. INGINGO ZISOZA

## V. UKO INGINGO ZASUZUMWE

| N0 | INGINGO/INCAMAKE | IMYANZURO |
|---|---|---|
| **1** | **IJAMBO RY'IKAZE** | |
| | Umuyobozi w'ishyirahamwe ry'imikino ngororamubili yashimiye anaha ikaze abitabiriye inama y'inteko rusange isanzwe ya RAF anababwirako impamvu inama ibaye muri uko kwezi ari uko hari ibyihutirwa by'ingenzi bigomba kugamirwaho.<br><br>Mu ijambo rye, Umuyobozi wa siporo muri Minisports, yashimye gahunda y'iterambere RAF yamuritse. asaba ko yarushaho kunozwa ikagaragaragaramo 'discipline'zose zigize imikono ngororamubili. Yakomeje asaba kandi ko habaho kubyaza amahirwe no gukoresha ibikorwa remezo bya Siporo bigenda byubakwa hirya no hino mu gihugu, asoza yizeza ubufatanye bwiza hagati ya RAF na MINISPORTS. | |
| **2** | **KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'INTEKO RUSANGE IHERUTSE NO KUYIKORERA UBUGORORANGINGO** | |
| | Nyuma yo kugaragaza no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo y'inteko rusange ya RAF iherutse, abitabirie inama bagaragaje ko ikwiye kwemezwa kuko amakosa y'imyandikire yarimo yamaze gukosorwa. | - Inteko rusange yemeje inyandikomvugo y'inama y'inteko rusange iheruka yo kuwa 19 Mutarama 2020 |
| 3 | **KWEMEZA ABANYAMURYANGO BASHYA MU MURYANGO RAF** | |
| | | - Inteko rusange yemeje |

| | | |
|---|---|---|
| | Nkuko byari byemejwe mu nteko rusange iherutse ya Mutarama 2020 bikaba kandi byaranashyizwe muri Sitati yavuguruwe, ikipe ifite ibyangombwa by'agateganyo yemerewe gusaba kuba umunyamuryango bityo amakipe yasabye kuba abanyamuryango yagaragarijwe inteko rusange nayo ibakira mu muryango RAF.<br>Umuyobozi wa RAF yaboneyeho umwanya wo gushima abahagarariye amakipe mashya kumurava bagaragaza wo guteza imbere imikino ngororamubili mu Rwanda. | abanyamuryango bashya baherutse gusaba kuba abanyamuryango ndetse babonye ibyangombwa nkuko bigenwa n'itegeko aribo: Nyaruguru, Huye, Rutsiro, Muhanga, na Kavumu Athletics Club. |
| 4 | **GAHUNDA Y'ITERAMBERE RY'IMIKINO NGORORAMUBILI** | |
| | Nyuma yo kugaragarizwa ibikubiye muri gahunda y'iterambere izamara imyaka irindwi uhereye 2021 yateguwe n'abatekinisiye ba RAF hashingiwe kuri strategic plan , gahunda ikubiyemo gahunda ya 'Talent detection and development' ku bana bari mu myaka 12 ndetse na 13, gahunda yo kongerera ubushobozi abatoza ndetse n'aba 'officials' , kuvugurura imikoranire hagati y'ama clubs ndetse no kongera ubufatanye n' amashuri y'ibyitegererezo,<br>Abari mu nteko mu bitekerezo batanze bose bagiye bagaruka kugushima iyi gahunda y' iterambere yateguwe na RAF, banatanga | - Inteko rusange yemeje gahunda y'iterambere yateguwe inasaba yatangira gushyirwa mu bikorwa ndetse hakazagenda hongerwamo ibindi bizagaragara ko biburamo.<br>- Inteko rusange yemeje ko mugihe hategurwa amahugurwa y'abatoza izajya yibanda kubarimu. |

| | | |
|---|---|---|
| | ibitekerezo ku ngingo zimwe na zimwe zakwongerwamo kugirango inyandiko y' iyi gahunda irusheho kuba inoze kandi izashyirwe mu bikorwa mu buryo burushijeho gutanga umusaruro muri iki gihe cy' imyaka irindwi iri imbere uhereye muri 2021. | |
| 5 | **KUREBERA HAMWE ISUBUKURWA RY'AMARUSHANWA NYUMA YA COVID- 19 NDETSE NAGAHUNDA Y'AMARUSHANWA Y'IMIKINO NGORORAMUBILI** | |
| | Umuyobozi w'ishyirahamwe ry'imikino ngororamubili mu Rwanda yamenyesheje abitabiriye inama ko kugeza ubu, amarushanwa yemerewe gukora mugihe gusa abakinnyi bapimishijwe Covid-19 ndetse bagashyirwa muri camp.<br>Abagize inteko rusange bagaragaje ikibazo gihari ari amikoro banasaba ko RAF yakora ubuvugizi nibura abakinnyi bitabira amarushanwa nibura bagapimwa umuriro gusa. Umunyamabanga mukuru kandi yagejeje kubari bitabiriye inama Gahunda y' Amarushanwa ya 2020-2021, maze inteko irayemeza. | Inteko rusange yemeje ko abanyamuryango bagenda bagatekereza ku cyakorwa federation nayo igasigara ikora ubuvugizi.<br>Inteko rusange kandi yemeje gahunda y' amarushanwa ya 2020 – 2021 |
| 6 | **GAHUNDA Y'IBIKORWA YA RAF 2020- 2021** | |
| | Umunyamabanga mukuru wa RAF yagejeje kubari mu nama gahunda y' ibikorwa ya RAF mu mwaka w' ingengo y' imari wa 2021 – 2022 | Inteko rusange yemeje kandi inemera ubufatanye mu gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa yagaragajwe ya RAF |

Amahoro National Stadium
B.P. 2568 Kigali – Rwanda
E-mail: rwa@mf.worldathletics.org
Tel: (+250) 788304516 President

| | | |
|---|---|---|
| | | 2021-2022 |
| 7 | **KWEMEZA IMPINDUKA ZABAYE MURI SITATI NDETSE NO MU MATEGEKO YIHARIYE YA RAF** | |
| | Nkuko byari byemejwe mu nteko rusange iheruka yo kuwa 19 Mutarama 2020, hemejwe amavugururwa ya sitati ndetse n'amategeko yihariye ya RAF mu ngingo zayo zigena abagize komite Nyobozi ndetse n'abanyamuryango ba RAF. Hemejwe ko abagize komite nyobozi ya RAF bakwiyongeramo imyanya ikurikira:<br><br>- Vice perezida mukuru (Senior Vice President) ushinzwe ubufatanye n' amaporogaramu (Partnership and programs)<br><br>- Vice perezida wa Mbere (1st vice president) ushinwe Imiyoborere n' umutungo<br>- Vice perezida wa Kabili (2nd Vice president) ushinzwe Amarushanwa n' iterambere<br><br>Inteko rusange ya RAF iheruka yemeje yemeje kandi ivugururwa ry'itegeko rireba umunyamuryango wa RAF yemeza ko umunyamuryango wa RAF ari uwabisabye | Inteko rusange yemeje amavugururwa yakozwe muri sitati ndetse no mu mategeko yihariye ya RAF.<br><br>Inteko rusange yemeje ishyirwa mu bikorwa ry'amavugururwa yakozwe muri sitati n'amategeko yihariye ya RAF. |

| | | |
|---|---|---|
| | ndetse bikemerwa n'inteko rusange kandi akaba afite nibura ubuzima gatozi bw'ibanze.<br><br>Hamwe n' izindi ngingo zo mu mategeko yihariye agenga umuryango RAF, Ayo mavugururwa yarakozwe agezwa kubanyamuryango bitabiriye inteko rusange. | |
| 8 | **GUSHYIRAHO AKANAMA GASHINZWE AMATORA** | |
| | Abitabiriye inama basobanuriwe ko nkuko byari biteganyijwe ko akanama gashinzwe amatora kagombaga kurangiza inshingano zako nyuma yo gushyiraho umuyobozi wa RAF wungirije Nyuma y'amavugurura yabaye muri sitati, hemejwe ko ako kanama gakomeza inshingano zako ndetse kagatoresha nabandi ba vice presidents bateganya n'itegeko. | - Inteko rusange yemeje abari bagize akanama gashinzwe amatora ko bakomeza kugashingwa aribo Oswald na Alice.<br>- Inteko rusange yemeje ko Alexis Sharangabo wari mu bagize akanama gashinzwe amatora asimbuzwa kubera izindi nshingano yahawe muri komite national Olympic nka SG.<br>- Inteko rusange yemeje SEMAHORO Stanislas umunyamabanga mukuru wa Rwamagana athletics club ko asimbura Alexis Sharangabo akaba umwe mu bagize akanama gashinzwe amatora |
| 9 | **INGINGO ZISOZA** | |

| | | |
|---|---|---|
| | | Umuyobozi w'ishyirahamwe ry'imikino ngororamubili yasoje Inama ashimira abitabiriye inteko rusange ku bitekerezo byiza batanze ndetse n'imyitwarire myiza isigaye iranga abagize umuryango RAF, umuyobozi wa RAF yaboneyeho anabasaba gukomeza kwita ku bakinnyi babagira inama ndetse babafasha kuzamura urwego bariho no kubafasha gushaka aba managers.<br><br>Yasoje abifuriza urugendo rwiza basubira mu ngo zabo. |

**Kigali, 31 Ukwakira 2020**

Umwanditsi w'inama: Umuyobozi w'inama:

**UMUTANGANA Olivier** **Me Fidele MUBILIGI**

**Umunyamabanga Mukuru** **Perezida**